# Yewe mwana ngiye kukwigisha amagambo (ugomba kwitaho): Jya wita ku mategeko y'Imana na yo izakwitaho. Jya wita ku mategeko y'Imana uzayisanga imbere yawe (aho ugana). Nushaka gusaba ujye usaba Imana, kandi nukenera inkunga ujye uyisaba Imana

Hadith yaturutse kwa Abul Abas, ari we Abdullah Ibun Abas (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Umunsi umwe nari inyuma y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) impetse ku kigenderwaho maze irambwira iti: "Yewe mwana ngiye kukwigisha amagambo (ugomba kwitaho): Jya wita ku mategeko y'Imana na yo izakwitaho. Jya wita ku mategeko y'Imana uzayisanga imbere yawe (aho ugana). Nushaka gusaba ujye usaba Imana, kandi nukenera inkunga ujye uyisaba Imana, umenye kandi ko n'ubwo abantu (b'isi) bose baterana kugira ngo bagire icyiza bakumarira, ntacyo bakumarira usibye icyo Imana yakwandikiye gusa. Kandi n'iyo baterana kugira ngo bagire ikibi bagukorera, ntacyo bagukoraho usibye gusa icyo Imana yakwandikiye. Amakaramu yanditse ibyo yarekeye aho, ndetse na wino yabyanditse yarumye." No mu yindi mvugo yakiriwe n'abatari Tirmidhiy yaravuze iti: Jya uzirikana amategeko ya Allah, nawe uzamusanga imbere, jya uzirikana Allah mu bihe bikoroheye, nawe azakuzirikana mu bihe bikugoye; kandi uzirikane ko ibyaguhushije bitari kukubaho, n'ibyakubayeho bitari kuguhusha, unazirikane kandi ko intsinzi igendana no kwihangana, kandi koroherwa bibanzirizwa n'ibihe bikomeye kandi ibihe by'ingorane igihe cyose biba biri kumwe n'ibihe byoroshye.

[Hadithi y'impamo] [رواه الترمذي وغيره]

Ibun Abas (Imana imwishimire we na se) aratubwira ko yari akiri umwana muto, igihe kimwe yari kumwe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imuhetse ku ndogobe iramubwira iti: Ngiye kukwigisha ibintu bizakugirira umumaro: Jya wita ku mategeko ya Allah, witandukanye n'ibyo yakubujije, igihe cyose ajye akubona mu bikorwa bimushimisha, nta gusange mu bikorwa byo kumwigomekaho; ibyo nubikora ingororano zawe nta zindi nuko Allah azakurinda ibibi hano kuri iyi si no ku munsi w'imperuka, anagutabare ibikugoye aho uzaba uherereye hose. Kandi nushaka kugira icyo usaba ntuzagire undi ugisaba usibye Allah kubera ko ari we wenyine usubiza abamusabye. Nunashaka inkunga ntuzagire undi uyisaba usibye Allah. Kandi wizere udashidikanya ko nta cyakugirira akamaro kabone n'iyo abatuye isi bose bakiteranya ngo bagire icyo bakumarira usibye ibyo Allah yakugeneye, nta n'ikibi cyakubaho kabone n'iyo isi yose yakiteranya ngo igire icyo igutwara usibye ibyo Allah

yakugeneye ko bizakubaho. Kandi ko ibyo Allah Nyir'ubutagatifu yakugeneye bijyanye n'ubushishozi bwe n'ubumenyi bwe, kandi nta wahindura ibyo Alllah yanditse. Umuntu witwararitse amategeko ya Allah agakora ibyo yamutegetse akirinda ibyo yamubujije, Allah nawe aba bugufi ye ndetse akanamushyigikira, kandi ko iyo umuntu yumviye Allah mu bihe bimworoheye, icyo gihe Allah nawe aramuzirikana mu bihe bimugoye ndetse akanamuha uburyo abisohokamo. Kandi ko buri mugaragu akwiye kunezezwa n'igeno Allah yamugeneye ryaba iry'ibyiza cyangwa se ibibi. Kandi ko mu bihe by'ingorane n'ibigeragezo umugaragu akwiye kurangwa no kwihangana, kandi ko kwihangana ari urufunguzo rwo kuva mu bibazo, kandi ko ingorane igihe cyose ziba ziri bugufi n'inkunga ya Allah, ndetse n'ibihe bikomeye iyo bije Allah abikurikiza ibihe byoroshye.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/66522